SANTARALI YA GIHINGA YA PARUWASI KAVUMU MURI DIYOSEZI GATOLIKA YA NYUNDO YAHAWE UMUGISHA

Kuri icyi cyumweru tariki 22/10/2017, Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umwepisikopi wa Diyosezi gatolika ya Nyundo yahaye umugisha Shapeli ya Gihinga imwe mu masantrale agizi Paruwasi gatolika ya KAVUMU.

Shapeli ya Gihinga yeguriwe Imana ; Umwepisikopi ayiragiza **Mutagatifu Matiyasi MULUMBA**. Iyi Shapeli ya **Mutagatifu Matiyasi MULUMBA** yubatswe n'abakristu ubwabo ba Paruwasi ya Kavumu cyane cyane abo muri Santrale ya Gihinga bafatanyije n'abaterankunga babo. Santrale ya Gihinga igizwe n'inama 3 ,n'imiryangoremezo 19, ikaba igizwe n'abakristu bagera ku 2455. Iyi Shapeli ikaba irangiye itwaye amafaranga agera kuri (71.250.000Frs).

Nyuma yo gufungura umuhango wo gutaha Shapeli hakuriyeho indi mihango ijyana no guha Kiliziya umugisha ndetse no kuyegurira Imana.

Nyiricyubahiro Musenyeri mu butumwa yageneye abakristu ba Santrale Gihinga, yabashimiye uruhare bafite mu kubaka no kubungabunga Kiliziya yabo. Yabashimiye ko bumvise ko Kiliziya ari iyabo kandi ko bagomba gufatanya n'Abasaseridoti yabahaye , kwiyubaka ndetse no kubaka Kiliziya muri rusange batarinze gutegereza ibiva ahandi. Kuri icyi cyumweru kandi, cyari icyumweru cy'Iyogezabutumwa ku isi hose, yaboneyeho rero kubagezaho Ubutumwa Nyirubutungane Papa FRANSISKO yageneye umunsi mpuzamahanga w'Iyogezabutumwa mu mwaka wa 2017.

Nyuma y'uko amaze kuyiha Umugisha Nyiricyubahiro Musenyeri yaturiye Igitambo cy'Ukaristiya muri Shapeli ya Mutagatifu Matiyasi MULUMBA Ya Gihinga.

Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, yemeye kandi ko Shapeli ya Mutagatifu Matiyasi MULUMBA yagira n'ubushyinguro bw'Isakramentu Ritagatifu ry'Ukaristiya (Tabernacle). Bikazafasha abakristu ba Santrale ya Gihinga gukunda gushengerera Yezu Kristu mu Isakramentu Ritagatifu ry'Ukaristiya muri Shapeli ibegereye. Yayihaye umugisha rero baranayitaha.

Abakristu ba Santrale ya Gihinga n’abatumirwa babo baririmbye bishimye cyane kandi bashimira Imana.

Mu ijambo rye Padiri Prosper NTIYAMIRA, wahoze ari Padiri Mukuru wa Paruwasi ya Kavumu (Ubu akaba ari Padiri Mukuru wa Paruwasi ya Murunda),yashimiye abakristu ba Paruwasi ya Kavumu uko bamushyigikiye mu gitekerezo cyo kubaka iyo Shapeli. Yakomeje ashimira Madame Ria Umubiligikazi, akaba n’inshuti ya Diyosezi ya Nyundo ; kuko mu gihe Padiri Prosper bari baziranye yari mu mwaka wa Yubile y’imyaka 25 amaze ari Umusaseridoti yamubajije cadeau yamuha amusaba ko yamufasha kubaka Shapele ya Gihinga. Nuko undi nawe ntiyatinze aramufasha. Yakomeje ashimira kandi Padiri Jean Damascene HAKIZIMANA, ubu uri Padiri Mukuru wa Paruwasi ya Kavumu, ko yakomeje neza imirimo Padiri Prosper yari yatangiye kandi akayirangiza neza. Yarangije ashimira Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet

MWUMVANEZA kubera byinshi yabemereye gukora none akaba yaje no guha umugisha Shapele bujuje bafatanyije n'abakristu.

Mu ijambo ryeUmunyamabanga nshingwabikorwa w'umurenge wa Musasa ari nawo iyo Shapele iherereyemo, yashimiye Nyiricyubahiro Musenyeri uko adahwema gufatanya n'abanyarwanda muri rusange mu iterambere ari iryo kuri Roho no ku mubiri. Yarangije amwizeza ubufatanye mu gihe babiyambaje.

Mu ijambo rye Padiri Jean Damascene HAKIZIMANA, Padiri Mukuru wa Paruwasi ya KAVUMU yashimiye Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA ko yaje guha umugisha Shapeli yabo. Yakomeje ashimira Padiri Prosper yasimbuye, ashimira Madame Ria wemeye kubatera inkunga mu kwiyubakira Shapele yabo. Ashimira n'abakristu bose bagize uruhare mu gikorwa cyo kwiyubakira Shapele.

Asoza uwo munsi Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA,yashimiye abakristu ba Paruwasi ya Kavumu uko baranzwe no gushyira hamwe ngo bafatanye bagere ku gikorwa cyabo ubwabo. Yakomeje ashimira Madame Ria na Padiri Prosper uko bafatanyije bagatera inkunga abakristu ba Santrale ya Gihinga. Yarangije ijambo rye avuga ko ubukristu bwiza butuma abantu bagera ku iterambere ryiza. Bakaba abakristu beza babereye Kiliziya. Yasabye abakristu ba Santrale ya Gihinga gukunda gushengerera Yezu mu Isakramentu ry'Ukaristiya bahawe. Yashoje ababa umugisha**.**